Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.

IFISHI Y'AMAKURU KU RUBANZA

Kugeza ubu, abantu umunani barezwe na TPIR kubera uruhare rwabo muri jenoside yakorewe mu Rwanda mu mwaka wa 1994 ntibarafatwa. Hateganyijwe ko MICT izaburanisha abaregwa batatu bakurikira: Augustin Bizimana, Félicien Kabuga na Protais Mpiranya. Abandi batanu ari bo Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Ryandikayo na Phénéas Munyarugarama, imanza zabo zoherejwe mu Rwanda. Ladislas Ntaganzwa, na we washakishwaga kandi urubanza rwe rukaba rwaroherejwe mu Rwanda, yafatiwe muri Kongo ku itariki ya 9 Ukuboza 2015.

MICT-12-22

ARASHAKISHWA – RYANDIKAYO

Ryandikayo yari umucuruzi muri Segiteri ya Mubuga, Komine ya Gishyita muri Perefegitura ya Kibuye, Rwanda, igihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga.

Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye	Ahagana mu mwaka wa 1961, Komine ya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye , Rwanda
Inyandiko y'ibirego	Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki ya 8 Gicurasi 2012
Aho urubanza rugeze	Arashakishwa kuva ku itariki ya 28 Ugushyingo 1995

AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

INYANDIKO Y'IBIREGO

Ryandikayo yarezwe muri TPIR jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside, guhamagarira abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, byakorewe muri Perefegitura ya Kibuye mu Rwanda hagati ya Mata na Nyakanga 1994, akaba muri icyo gihe yari umucuruzi w'umuherwe ukomeye kandi uvuga rikijyana muri Segiteri ya Mubuga, Komine ya Gishyita, muri iyo perefegitura.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko, nyuma y'urupfu rwa Perezida Habyarimana, umutekano wari mubi cyane muri Komine ya Gishyita no mu yandi makomine menshi muri Perefegitura ya Kibuye. Kubera iyo mpamvu, Abatutsi

bahungiye mu bice bitandukanye byo mu karere ka Bisesero kandi bihisha ahantu hafatwaga nk'ahari umutekano, harimo kiriziya y'Abadiventisite ya Murangara na kiriziya gaturika ya Mubuga. Havugwamo kandi ko, hagati y'itariki ya 12 n'iya 20 Mata 1994, Ryandikayo ari hamwe n'abandi bantu, barimo Interahamwe n'abandi basivire b'Abahutu bitwaje intwaro, bagabye ibitero ubutitsa kuri izo kiriziya kandi bica Abatutsi bari bahahungiye. Bivugwa ko abagabye igitero, bagendeye ku mabwiriza bari bahawe n'abantu banyuranye, barimo Ryandikayo, bishe impunzi z'Abatutsi zibarirwa mu bihumbi ku rusengero rw'Abadiventisite rwa Murangara no kuri kiriziya gaturika ya Mubuga kandi bakomeretsa n'abandi benshi.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo kandi ko hagati y'itariki ya 8 Mata 1994 n'iya 14 Gicurasi 1994, Interahamwe n'abandi Bahutu bitwaraga gisirikare, bagendera ku mabwiriza, ku moshya no ku mugambi w'abantu bavugwa mu Nyandiko y'ibirego, bagabye ibitero ku Batutsi bari bihishe mu dusozi twa Bisesero, irimo agasozi ka Karuriro muri Serire ya Rwamiko, agasozi ka Gititi, agasozi ka Muyira n'aka Nyiramurego muri Serire ya Gitwa, muri Segiteri ya Bisesero. Mu gihe ibyo bitero byagabwaga, bamwe mu Batutsi babarirwaga mu bihumbi barishwe abandi barakomeretswa.

Ibyaha aregwa mu Nyandiko y'ibirego ni ibi:

Ikirego kimwe cya Jenoside (Ikirego cya 1)

Ikirego kimwe cy'Ubwumvikane bugamije gukora jenoside (Ikirego cya 2)

Ikirego kimwe cyo Guhamagarira abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside (Ikirego cya 3)

Ibirego bine by'Ibyaha byibasiye inyokomuntu

- Ubuhotozi (Ikirego cya 4)
- Itsembatsemba (Ikirego cya 5)
- Gusambanya ku gahato (Ikirego cya 6)
- Gutoteza (Ikirego cya 7)

KWIMURIRA URUBANZA MU RWANDA

Ku itariki ya 20 Kamena 2012, Urugereko rwa TPIR rwaburanishije ibyerekeranye no kwimura urubanza rwa Ryandikayo rwategetse ko urubanza rwe rwoherezwa muri Repubulika y'u Rwanda.

Ku itariki ya 7 Gicurasi 2014, Umucamanza umwe rukumbi, Vagn Joensen, yasohoye urwandiko rwo gufata Ryandikayo n'itegeko ryo kumwimura bisaba ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye kumushakisha, kumufata no kumushyikiriza Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika y'u Rwanda.

Icyemezo 1966 (2010) cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi, giteganya ko ibihugu byose bifite inshingano yo gufatanya na MICT gushakisha abaregwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza inkiko zigomba kubaburanisha.